**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00008 /2019/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa 14 w'ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe **MUSABYIMANA Valens,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **NIYIGENA Confiance ,** icyaha cyo **Kunyereza umutungo**, giteganywa kandi kigahanishwa ngingo ya 10 y' itegeko n°54/2018 ryo kuwa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya ruswa, ikirego kigahabwa N° RP/ECON 00002/2018//TGI/RSZ.

Tumaze kubona ko uwitwa **NIYIGENA Confiance** mwene NDAYIZEYE Nathanael na NYIRANDIKUMANA Olipa; yavutse mu mwaka wa 1997; yavukiye mu Mudugudu w'Umutuzo, Akagari ka Gakoni, umurenge wa Muganza, Akarere ka Rusizi, Intara y' IBurengerazuba, akaba akurikiranywe nk'Uwihishe cyangwa watorotse Ubutabera, kandi ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 212, 213, 214 n'iya 215 z'Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **NIYIGENA Confiance** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **17/04/2019** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari ;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru * IMVAHO NSHYA * kandi kikamanikwa ku biro by'Akagari ka Gakoni, ku biro by'Umurenge wa MUGANZA, no ku biro by'Akarere ka RUSIZI, ndetse kigatanganzwa no kurubuga rw'ikoranabuhanga ry'Urukiko rw'Ikirenga

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**MUSABYIMANA Valens**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**